**Rwandese Association of Local Government Authorities**

# IMYANZURO Y'INAMA YA 14 Y'INTEKO RUSANGE Y'ISHYIRAHAMWE RY'UTURERE N'UMUJYI WA KIGALI MU RWANDA (RALGA)

**KIGALI SERENA HOTEL, KUWA 15 MUTARAMA 2011**

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES
(RALGA)
B.P.7249
KIGALI - RWANDA
Tel 520782
Fax:520783

Inama y' Inteko Rusange ya 14 y'Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali mu Rwanda (RALGA) yateranye kuwa 15 Mutarama 2011, mu cyumba cy'inama cya Hoteli Serena, mu Karere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali.

Iyo nama yitabiriwe n'aba bakurikira :

- Abagize Komite Nyobozi ya RALGA
- Abagize Komite Ngenzuzi ya RALGA ;
- Abanyamuryango ba RALGA ;
- Abafatanyabikorwa:
  - Ambassade y'Ubuholandi ihagarariwe na Ms UMUTONI Nadine;
  - GIZ ihagarariwe na Bwana David LAHL
  - PSCBS/BTC ihagarariwe na Bwana Edward KASUMBA na Bwana Peter MALINGA
- Abahagarariye amashyirahamwe y'Inzego z'Ibanze mu bihugu by'inshuti by'umwihariko inshuti za RALGA:
  - ALGAK: Councillor Eliot KIHUSA, 2nd Vice-Chairman na NYAMBURA Joyce uhagarariye SG wa ALGAK
  - ABELO : Bwana NAHIMANA Valentin, KOMITE NYOBOZI Member and Administrator of Gitega Commune;

**Ijambo ry'ikaze :**

Mu ijambo ry'ikaze, Madamu Aisa KIRABO KACYIRA, Umuyobozi wa RALGA, yatangiye, mu izina rya Komite Nyobozi, yifuriza umwaka mushya muhire wa 2011 abitabiriye inama bose. Yakomeje kandi ashimira bose kuba bitabiriye ubutumire bw'Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali mu Nteko Rusange yaryo iteranye ku ncuro ya 14, ikaba ifite umwihariko ko ibaye hasozwa icyiciro cya kabiri cya "*decentralization*", ndetse hakiyongeraho

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P. 7349 KIGALI - RWANDA Tel. 520780 Fax. 520783

n'uko RALGA iri mu ntangiriro ya "*strategic plan* " yayo yo kuva muri 2010 kugeza muri 2015.

Perezida wa RALGA yasabye abari mu nama ko bakwishima cyane kuko ibyagezweho ari byinshi ndetse asaba buri wese kuzirikana ubufatanye n'ubwuzuzanye bwa buri wese.

Umuyobozi wa RALGA yakomeje ijambo rye agaruka ku byavuzwe na Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, James MUSONI, mu itahwa ry'ibiro bya RALGA ryabaye mbere y'Inama y'Inteko Rusange ; aho yasabye abanyamuryango ba RALGA kugira uruhare rukomeye mu gufasha u Rwanda kugera ku ntego Nyakubahwa Perezida wa Republika y'U Rwanda yo guhindura igihugu « *middle income country* » bikaba rwose umwihariko wa manda itaha nk'uko irangiye yibanze ku miyoborere myiza.

Perezida wa RALGA kandi ashingiye kubyo Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'igihugu yasabye, yashishikarije abanyamuryango kugira uruhare rugaragara mu kugaragaza isura nyayo y'u Rwanda mu miyoborere myiza aho kugira ngo ijye ivugwa gusa n'abashaka guharabika igihugu. Ni ngombwa ko ubuvugizi RALGA ifite nk'intego yongeremo imbaraga kandi bukaganishwa kuri gahunda yo kugaragaza isura nziza y'Inzego z'ibanze mu Rwanda.

Perezida wa RALGA yashishikarije abagize Inteko Rusange ya 14 y'Ishyirahamwe kuvana amasomo mu byo buri wese yanyuzemo muri iyi myaka itanu ishize, hakabaho kwisuzuma bihagije tukazirikana rwose kandi twishimira ko turi intumwa za Nyakubahwa Perezida wa Republika duhora iteka dusinyana imihigo kandi tukayishyira mu bikorwa. Perezida wa RALGA ati « dukwiye kuba inyangamugayo, kwibukiranya icyatumye abandi basitara, gusuzuma nta



RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P. 7249 KIGALI – RWANDA Tel 520782 Fax: 520783

kubera aho ubunyangamugayo buke, uburangare n'ubuhemu byagaragaye, tukavuga ibintu uko biri hagamijwe kubaka ».

Perezida wa RALGA yashoje ijambo rye ashima buri wese ku ruhare yagize kugira ngo igice cya mbere cy'umunsi kijyanye n'itahwa ry'inyubako y'ibiro bya RALGA kigende neza kandi aboneraho no kubifuriza kugira inama nziza.

**Ingingo z'ingenzi zasuzumwe ni izi zikurikira :**

1. Kwemeza inyandikomvugo y'inama yo ku wa 05 Ukuboza 2009;
2. Gusuzuma ibyagezweho mu myaka itanu (2006-2009) mu nzego zitandukanye z'ibikorwa ndetse n'imari yakoreshejwe;
3. Raporo ya Komite Ngenzuzi;
4. Gusuzuma no Kwemeza Gahunda y'Ibikorwa 2010-2011;
5. RALGA *Financial Sustainability Strategy*;
6. Gutangiza ku mugaragaro gahunda y'ubufatanye hagati ya RALGA na PSCBS/BTC mu mushinga w'ingendoshuri ;
7. Gushimira Uturere n'Umujyi wa Kigali kubera uburyo bashyigikiye Ishyirahamwe ryabo (*Certificates*);
8. Kwemeza Imyanzuro y'Inama y'Inteko Rusange.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ingingo ku yindi, Inteko Rusange ya RALGA yafashe imyanzuro ikurikira :

1. Inteko Rusange yemeje imyanzuro y'inama y'Inteko Rusange ya RALGA yateranye ku wa 5 Ukuboza 2009 yabereye muri Serena Hotel imaze kuyisomerwa no kuyikorera ubugororangingo;



RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P. 7249 KIGALI - RWANDA Tel 520782 Fax:520783

2. Inteko Rusange yemeje raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari kuva 2006 kugera mu mwaka wa 2009 imaze kuyikorera ubugororangingo;

3. Inteko Rusange yemeje Raporo ya Komite Ngenzuzi imaze kuyitangarizwa no kuyikorera ubugorangingo;

4. Inteko Rusange yemeje gahunda y'Ibikorwa y'Ishyirahamwe RALGA ya 2010-2011 imaze kuyimenyeshwa;

5. Inteko Rusange yemeje ko inzego z'ibanze zizagira uruhare rufatika mu gutuma intego yo guhindura u Rwanda "*Middle income country*" yihuta bihereye mu Nzego z'Ibanze kandi n'Ishyirahamwe rikabigiramo uruhare binyuze mu nshingano zaryo z'ubuvugizi, guhagararira abanyamuryango no kubongerera ubushobozi.

6. Inteko Rusange yemeje ko RALGA igomba kugira uruhare mu buvugizi bugamije gutanga isura nziza y'ubuyobozi mu Rwanda, bityo isura mbi igihugu cyacu giterwa n'abagambiriye kugisebya banyuze cyane mu itangazamakuru ikavanwaho. RALGA n'abanyamuryango bagomba kandi kuba "*pro-active*" ntihategerezwe kubeshyuza gusa. Hagomba kandi gutegurwa "*campaigns*" ziteguwe neza zirimo ubuhamya bw'abaturage hagamijwe guha ingufu iyi gahunda;

7. Inteko Rusange irishimira inyubako nshya y'Ishyirahamwe yubatswe i Masaka mu Karere ka Kicukiro, ikaba inashyigikiye gahunda yatangiye yo gufasha abakozi mu kubona uburyo bwo kugera ku kazi, bityo ikaba isaba ko iki iyo yakomeza ku bakozi itarageraho;

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P. 7249 KIGALI – RWANDA Tel 520782 Fax 520783

8. Inteko Rusange ishyigikiye ko RALGA yashyiraho ikigo cy'ubushakashatsi mu miyoborere y'inzego z'ibanze giteganywa na RALGA kandi irasaba buri wese gutanga umusanzu we w'ibitekerezo kugira ngo uwo mushinga uzatangire. By' umwihariko, Ubunyamabanga Bukuru bwa RALGA burasabwa kwegeranya abakoze mu nzego z'ibanze bose kugira ngo ubumenyi bwabo bushyirwe mu nyandiko bityo bubashe gufasha abandi.

9. Inteko Rusange yishimiye itangizwa rya *LG Consult* kandi irashishikariza abanyamuryango bayo kuyishyigikira hagamijwe kongerera imbaraga Ishyirahamwe mu kurangiza inshingano ryahawe. Muri urwo rwego kandi *LG Consult* irasabwa kugira gahunda ihamye y'ibikorwa iteganya gufatanyamo n'Inzego z'Ibanze no kubimenyekanisha;

10. Inteko Rusange irasaba ko *LG Consult* yashyiraho ingamba zo gutegura "*induction course*" ku bayobozi b'Inzego z'Ibanze bazatorwa mu kwezi kwa Gashyantare 2011 bityo abatowe bajye bamenyeshwa inshingano zabo ndetse n'imikorere n'imikoranire y'inzego;

11. Inteko Rusange yemeje ko umusanzu utangwa n'Akarere/Umujyi wa Kigali buri mwaka ushyizwe ku mafaranga miliyoni eshanu (5,000,000 Frw). Uwo musanzu ugomba guteganywa mu ivugururwa ry'ingengo y'imari 2010-2011 izemezwa muri Mutarama 2011;

12. Inteko Rusange ishyigikiye "*Local Government Innovation Day*" nk'igikorwa gifasha guha agaciro ibyagezweho mu nzego z'ibanze, ikaba isaba ko ibikorwa byayo byakwagurirwa no ku bigerwaho n'abaturage ubwabo ku giti cyabo, mu makoperative,…

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P. 7249 KIGALI - RWANDA Tel 520782 Fax 520783

13. Inteko Rusange irasaba RALGA guha imbaraga gahunda zo kwigira bamwe ku bandi cyane cyane (*Peer to peer learning*) abahuje inshingano ndetse habeho no kugirana inama;

14. Inteko Rusange irasaba RALGA gushyiraho ingamba zo guhuza abahoze ari abayobozi mu nzego z'ibanze (*alumni*) kugira ngo ibitekerezo byabo n'uburambe bikomeze bigirire akamaro Inzego z'Ibanze;

15. Inteko Rusange irasaba abanyamuryango ba RALGA guha imbaraga ikoranabuhanga (gukoresha *mobile phone, computer, internet,…*) mu guteza imbere imiyoborere myiza;

16. Inteko Rusange irasaba ko buri Karere katanga inkunga kari kemeye mu kubaka inzu y'ibiro bya RALGA kugirango, Ubunyamabanga Bukuru bukaba busabwa gufasha kugirango uyu mwanzuro ushyirwe mu bikorwa bitarenze ukwezi kwa Kamena 2011;

17. Inteko Rusange yemeje ko Utugari tuzajya duhagararirwa mu nama z'Inteko Rusange ya RALGA;

18. Inteko Rusange yishimiye kandi ishyigikira ubufatanye hagati ya RALGA n'Ikigo gishinzwe kongera ubushobozi bw'abakozi ba Leta (PSCBS/BTC). Abanyamuryango biyemeje gushyira mu bikorwa mu buryo bwihuse kandi bunoze umushinga w'ingendoshuri ku bayobozi n'abakozi b'Inzego z'Ibanze.

19. Inteko Rusange yishimiye kandi yiyemeza gushyigikira gahunda ya Minisiteri y'Imari yo kumenyekanisha ingengo y'imari ya buri Karere mu nzego zinyuranye zako, izikorana nako ndetse no mu baturage.



RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P. 7249 KIGALI - RWANDA Tel. 520782 Fax. 520783

20. Inteko Rusange ya RALGA irasaba abanyamuryango bayo kugira uruhare mu gutegura neza amatora ategura icyiro cya 3 cya "*decentralisation*" ateganijwe muri Gashyantare 2011.

**GUSHIMIRA**

1. Inteko Rusange irashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'U Rwanda ku nkunga atera inzego z'ibanze n'uburyo atuma zikomeza kujya imbere;

2. Inteko Rusange ya RALGA irashimira Perezida wa RALGA, abagize Komite Nyobozi na Komite Ngenzuzi, abafatanyabikorwa n'abakozi ba RALGA ku bwitange bagaragaje mu ishyirwa mu bikorwa ry'Igenamigambi rya 2006-2009 ndetse ibakangurira kurushaho mu ya 2010-2015;

3. Inama y'Inteko Rusange irashimira abagize imiryango y'Inzego z'Ibanze mu Burundi no muri Kenya kuba bitabiriye inama y'Inteko Rusange ya 14 ya RALGA kandi babijeje ubufatanye cyane cyane mu rwego rwo guha imbaraga Inzego z'Ibanze zo mu bihugu bya Afrika y'Iburasirazuba;

4. Inama y'Inteko Rusange irashimira cyane Ikigo gishinzwe kongera ubushobozi bw'abakozi ba Leta (PSCBS/BTC), kubera umushinga w'ingendoshuri ugamije kongerera ubushobozi abayobozi n'abakozi mu nzego z'ibanze.

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P. 7249 KIGALI – RWANDA Tel: 520782 Fax: 520783

5. Inteko Rusange irashimira abitabiriye iyi nama y'Inteko Rusange, cyane cyane kubera bitekerezo byubaka batanze.

Bikorewe i Kigali, ku wa 15 Mutarama 2011

**Umwanditsi w'Inama**
**Nyangezi BONANE**

**Umuyobozi w'Inama**
**Dr Aisa KIRABO KACYIRA**